MINAFFET
DIASPORA GENERAL DIRECTORATE

DIASPORA
E-Newsletter
Nº 13/2009, 3rd -8th AUGUST 2009
A weekly online publication .

MURI IYI NOMERO:

- **GAKO: Itorero rya 3 ry'Abanyeshuri biga mu mahanga ryarasoje.**
- **"One dollar campaign" amadini yakusanyije inkunga irenga miliyoni 54 z'amanyarwanda.**
- **KIGALI:Abanyarwanda baba mu mahanga bari mu Rwanda muri iki gihe batumiwe mu nama ibateganyirijwe Kuwa 13/8/2009.**

• GAKO: Itorero rya 3 ry'Abanyeshuri biga mu mahanga ryarasoje.

Nyakubahwa Perezida Perezida wa Repulika na Madamu we basinyira urubyiruko autograph.

Guhera ku itariki ya 20/7/ kugeza kuya 2/8/2009 urubyiruko rugera ku 150 rw'abanyeshuri b'abanyarwanda rwiga mu mahanga rwitabiriye Itorero rya 3 ry'abanyeshuri b'abanyarwanda biga mu mahanga.

Aba banyeshuri bakaba barahawe ibiganiro bitandukanye n'abayobozi bakuru b'igihugu ku gukunda igihugu ,amateka no kuruhare rwabo mu iterambere ry'igihugu cyabo. Bahawe kandi amasomo ajyanye n'ubwirinzi (self defence skills).

Aba banyeshuli bitabiriye kandi Forumu ya gatanu y'urubyiruko yateguwe n'Imbuto Foundation aho bagejejweho ibiganiro n'abanyacyubahiro batandukanye barimo Nyakubahwa Perezida wa Repubulika na Madamu we.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika akaba yarakanguriye urubyiruko rwari

rwitabiriye iyi forum kudategereza ngo hashire imyaka 30,40,50, ahubwo ko rugomba gutangira ubu gushyira mu bikorwa ibitekerezo rufite byo kwiteza imbere bigateza n'igihugu cyabo imbere.

Nyakubahwa Madamu Janette Kagame ari nawe ukuriye Imbuto foundation yagiriye inama uru rubyiruko kugira discipline kugirango ruzashobore kugera ku nzozi zarwo z'ahazaza (future dreams).

Iri Torero riba rimwe mu mwaka rikaba ritegurwa na Minisiteri y'Uburezi,Ikigo gishinzwe gutanga buruse (SFAR) kubufatanye na Komisiyo y'Igihugu y'ubumwe n'Ubwiyunge,Minadef na Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga Ubuyobozi Bukuru bwa Diaspora (Diaspora General Directorate.

- **"One dollar campaign" amadini yakusanyije inkunga zirenga miliyoni 54 z'amanyarwanda.**

Inkunga yakusanyijwe n'amadini abarizwa mu Rwanda mu rwego rwo gutera inkunga gahunda ya "One dollar campaign" igera kuri miliyoni 54.5 FRW.
Ibi byatangajwe ku cyumweru tariki ya 3/8/20009 mu muhango wo gusoza iki gikorwa wabereye kuri sitade Amahoro. Ukaba wararanzwe n'amasengesho n'indirimbo byo guhimbaza Imana.

- **KIGALI:Abanyarwanda baba mu mahanga bari mu Rwanda muri iki gihe batumiwe mu nama ibateganyirijwe Kuwa 13/8/2009.**

Minisiteri y"ububanyi n'Amahanga Ubuyobozi Bukuru bwa Diaspora burararikira Abanyarwanda bose baba mu mahanga bari mu Rwanda muri iki gihe kwitabira inama ibagenewe izaba ku wa kane tariki ya 13/8/2009, i saa munani n'igice, ku cyicaro cyayo ku Kimuhurura mu mujyi wa Kigali.
Iyi nama igamije kungurana ibitekerezo kuri gahunda ziriho zigaje gukangurira Diaspora kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu. Iyi nama kandi izitabirwa n'abayobozi bakuru barimo Minisitiri w'Itangazamakuru Madamu Louise Mushikiwabo na Madamu MInisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Madamu Rosemary Museminali.